/M.A./M.J./

REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 07 FEVRIER 1986

N° 0423 /15.00

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika,
Prezida Fondateri wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda
K I G A L I

IMPAMVU : Inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire "MIJEUCOOP".

Nyakubahwa Bwana Prezida,

Nishimiye kubohererereza hamwe n'iyi baruwa inyandiko-mvugo y'inama ya Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nayoboye ku italiki ya 15 mutarama 1986.

Mbifulije amahoro n'ihirwe.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.

BIMENYESHEJWE :

- Bwana Umunyamabanga Mukuru wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda
  K I G A L I
- Bwana Ministri (BOSE)
  ..............................
  K I G A L I

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA SELIRE "MIJEUCOOP"

Kuwa gatatu taliki ya 15 mutarama 1986 kuva saa munani n'igice kugeza saa kenda n'igice Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Milita NDINDILIYIMANA Agusitini yayoboye inama ya Selire yabereye kuli "Stade Régional" y'i NYAMIRAMBO aho abamilitante n'abamilita bagize iyo Selire bakorera Animasiyo. Afata ijambo, Ministri NDINDILIYIMANA yabwiye abali mu nama ko animasiyo yabo izakomeza gutegurwa no gukorwa nk'umwaka ushize ndetse bikarushaho. Iyo animasiyo igizwe n'ibice bikulikira :

- Animasiyo ya Politiki : igamije kujijura no gucengeza muli bamilitante na bamilita amatwara ya M.R.N.D.
- Animasiyo y'imyidagaduro : igizwe n'imyitozo y'ingorora-ngingo n'imikino y'imipira, uwo kwoga, n'indi ishobora kuziyongeraho; buli wese agomba kugira nibura umukino umwe yiyandikishijemo.
- Animasiyo igamije guteza imbere umuco nyarwanda : igizwe n'indilimbo n'imbyino zirata cyane cyane ibikorwa Muvoma yacu imaze kutugezaho.

Ministri yasabye yuko animasiyo yategurwa neza buli gihe kandi buli wese akayitabira. Yakomeje abifuliza umwaka mushya muhire, w'ibyishimo mu ngo zabo no mubo bakorana; ukazababera uw'ituze n'amahoro.
Yabibukije ko uyu mwaka w'1986, Umukuru w'Igihugu yawise "Umwaka wo guhinga bya kijyambere". Kubera ko abanyarwanda benshi ali abahinzi no muli twe abenshi ni abana b'abahinzi, bamwe bakaba bafite umunani bahawe n'ababyeyi, abandi bakaba bafite imilima bahawe n'inshuti cyangwa biguliye. Yabasabye kubera urugero rwiza ababyeyi,barumuna cyangwa bakuru babo n'abaturanyi bahinga bya kijyambere iyo milima, ndetse n'udafite isambu ashobora kugira ka "jardin potager".

Yifuje kandi ko uyu mwaka waba uw'uburumbuke mubyo bakora mukazi no mubyo bikorera. Kubyerekeye akazi, Ministri NDINDILIYIMANA yakomeje abibutsa ko Kongre ya Gatanu Isanzwe ya M.R.N.D. iherutse guterana, mu byifuzo byayo, yasabye ko Leta yakomeza kwita kubibazo by'urubyiruko no Gutsura za Koperative,igomba kurushaho gukorera urubyiruko kugirango narwo rugire uruhare mu majyambere y'igihugu cyacu. Yaboneyeho umwanya wo kubasaba gushakira hamwe ibikorwa byashyirwa kuli gahunda y'iyi myaka ili imbere abakozi bose bakayimenya kandi bakayikulikiza nta gutatanya imbaraga n'ibikoresho. Prezida wa Republika muli iyo Kongre mw'ijambo yavuze ayitangiza yatanze amabwiliza arambuye, tugomba kuyumva tukayashyira mubikorwa. Tugomba gutunganya ibyerekeye "Stratégie Sectorielle".

Ministri NDINDILIYIMANA yasabye kandi abali mu nama kwishyiramo igitekerezo cyo gukunda umulimo ntihagire abicisha abandi akazi; abantu bagafatanya bagakora imilimo bahawe vuba kandi neza.

N'ukuvuga ko Umukozi wese ukeneye ko ibiro bye bikorwa agomba gutanga urufunguzo umuparanto akarurarana kugirango azinduke ahakore isuku. Bityo igihe Abaparanto bazindutse bashobora gutaha saa kumi za nimugoroba (16h00).

Ministri yategetse Komite ya Selire kwandika abakozi bose bafite imfunguzo za Ministeri, kugirango hagize ikintu kibura bamenye abo baheraho babaza. Iyo liste kimwe n'imfunguzo za reserve bigomba kuba muli Gestion des Crédits. Hemejwe kandi ko Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative azaha ubunani abakozi ba Ministeri ayobora kuwa gatatu taliki ya 22 mutarama 1986 nyuma ya saa munani.

Hizwe n'ikibazo cy'abakozi badafite ibikoresho by'umuganda nk'amapiki n'ibitiyo. Ministri NDINDILIYIMANA asaba abashinzwe gucunga ibyo bikoresho kuzabarura ababihawe bose kugirango hashobore kumenyekana umubare w'ibikoresho ibiro bya Gestion des Crédits igomba kugulira abatabifite.

Nk'uko Umuyobozi wa SODEPARAL yifuje ko abagize Selire "MIJEUCOOP" bazajya gusura uruganda rwabo, Ministri yasabye abagize Komite ya Selire guteganya umunsi w'animasiyo abamilitante n'abamilita bazagirayo.
Kubera ko amafranga y'isanduku ya Selire amaze gushira, abagize Komite ya Selire basabwe kwiga ukuntu haboneka igikorwa cyabyazwamo amafranga yinjizwa muli iyo sanduku kuko igoboka Selire muli byinshi.
Arangiza inama, Ministri NDINDILIYIMANA yongeye gusaba buli wese gukora mw'ituze no mu bwumvikane akazi ashinzwe.
Yibukije ko Umuganda ali imwe mu ngingo umukoresha agomba guheraho mu kugaragaza uko umukozi yitaye ku kazi ke umwaka wose kugirango abibonere ishimwe cyangwa abihanirwe.
Asaba rero buli wese kurushaho kwitabira Umuganda n'Animasiyo.

Inama ya Selire yarangiye saa cyenda n'igice (15h30').

UMWANDITSI W'INAMA
MUGEMANGANGO Andereya.-

UMUYOBOZI W'INAMA
Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.